



Our Health
Our Future

ITANGAZO RIGENEWE ABAKORESHA

Kwibutsa igihe ntarengwa cyo gusaba gusubizwa amafaranga y'ikiruhuko cyo kubyara.

Hashingiwe ku Itegeko N°003/2016 ryo kuwa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'Ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara, ryasohotse mu Igazeti ya Leta n° Sipesiyali yo kuwa 20/04/2016; cyane cyane mu ngingo yaryo ya 13, igika cya mbere;


Hashingiwe kandi ku Iteka rya Minisitiri N°007/16/10/TC ryo kuwa 28/10/2016 ryerekeye ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara, ryasohotse mu Igazeti ya Leta n°44 yo kuwa 31/10/2016; cyane cyane mu ngingo yaryo ya 24;

Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda, RSSB, kiributsa abakoresha ko igihe cyo gusaba gusubizwa amafaranga yishyurwe abagore bari mu kiruhuko cyo kubyara kitagomba kurenga amezi atatu abarwa uherye ku muni ikiruhuko cyo kubyara cyarangiriyeho.

RSSB ikaba iboneyeho gusaba abakoresha batashoboye gusaba ayo mafaranga mu gihe cyavuzwe hejuru, kwihutira kuyigezaho amadosiye yabo bitarenze tariki ya 30 Nzeri 2018; nyuma y'iyi tariki nta dosiye irengeje igihe giteganywa n'amategeko izakirwa.

RSSB iributsa kandi ko gusaba gusubizwa amafaranga bikorwa mu nyandiko zabugenewe ziboneka ku rubuga rwayo www.rssb.rw, ziherekejwe n'ibyangombwa bivugwa mw'iteka ryavuzwe hejuru kandi bigashyikirizwa amashami ya RSSB abegereye.

Bikorewe i Kigali.....2018


Jonathan GATERA
Umuyobozi Mukuru

